



## INCAMAKE

### AMATSINDA Y'ABANTU BATISHOBORA N'ABAHEJEJWE INYUMA BO MURI UGANDA



**Gushora mumashyamba hamwe n'akarere karinzwe kubera ihinduka ry'ikirere-Umushinga w'iterambere ryiza**

Minisitire y'amazi n'ibidukikija  
Ukwacyumi 2020

**Nyir'Umushinga:** Gavumenti ya Uganda.

**Inzego zo kuwushira mubikorwa:** Minisitire y'amazi n'ibidukikije, Minisitire y'Ubukerarugendo, Ibinyabuzima byomumashyamba n'ibya kera, Ikigo cya Uganda gishinzwe ibinyabuzima byo mumashyamba, n' Ikigo cy'igihugu gishinzwe amashyamba.

**Inkomoko y'inkunga:** Banki y'Isi (Abaterankunga) na Gavumenti ya Uganda.

**Intego y'umushinga:** Guteza imbere imicungire irambye y'amashyamba n'akarere karinzwe no kongera inyungu ziva mu mashyamba, ahantu nyaburanga.

**Agace k'umushinga karimo Abatwa:** Disitirikiti ya Gisoro, Rubanda, Kanungu (irimo paka y'igihugu ya Mgahinga na Bwindi itinjirwamo, Amashyamba yo hagati ya Echuya) na Disitirikiti ya Bundibugyo (irimo Paka y'igihugu ya Semliki).

**Amatsinda y'Abahejewe inyuma batishoboye:** ni ibisobanuro by'ingamba z'umushinga w'iterambere ushura imari mu mashyamba n'ahantu harinzwe kubera imihindagarikire y'ikirere n'ibikorwa byo kugira ngo; i) umushinga uhe byimazeyo icyubahiro, uburenganzira bwa muntu, ubukungu, n'umuco w'abatwa; ii) Abatwa bitabire kandi bungukire mu mirimo yo gushyira mubikorwa uwo mushinga; kandi, iii) ingaruka mbi zose z'uwo mushinga ku batwa zigabanywe bihagije.

Ibikorwa byihariye bizashyirwa mu bikorwa n'abatwa cyangwa bizashyirwa mu bikorwa mu rwego rwo gushyigikira abatwa bizasobanurwa muri gahunda yo gucunga amatsinda y'Abahejewe inyuma batishoboye b'abatwa bo mumashyamba cyangwa hafi y'amashyamba yo hagati ya Echuya Ishyamba ritinjirwa rya Bwindi, Paka y'igihugu yo Mgahinga y'Ingagi na Paka y'igihugu ya Semliki. Gahunda yo gucunga amatsinda y'abahejewe inyuma batishobora izategurwa hitaweho ibyifuzo by'abatwa mbere yuko umushinga utangira.

**Uburyo bwo gutegure amatsinda y'Abahejewe inyuma batishoboye:** Aya matsinda y'Abahejewe inyuma batishoboye amaze iminsi ategurwa na MWE hifashishijwe n'abahagarariye abatwa bagera kuri 269 (abagabo 100 n'abagore 169) hafi y'amashyamba yo hagati ya Echuya, Paka y'igihugu itinjirwamo ya Bwindi, Paka y'igihugu y'ingagi ya Mgahinga ndetse na Paka y'igihugu ya Semliki.

Inzego z'ibanze za Disitirikiti ya Kisoro, Rubanda, Kanungu na Bundibugyo kimwe n'imiryango imwe n'imwe itegamiye kuri gavumenti (urugero BMCT, Nature Uganda, PROBICOU) ifasha abatwa muri utu turere. Igikorwa cyo gushyira kumenya icyo abantu batekereza ku mushinga cyakozwe hagati ya 11 na 15 Gashyantare 2020. Ibi byakozwe mu rurimi kavukire kandi byakoze kuburyo abatwa babyitabiriye basobanukiwe neza intego z'umushinga, ishoramari n'ingamba zo kuyishyira mu bikorwa ndetse n'ingamba zo kugira ngo abatwa bagire uruhare rugaragara mu gihe cyo gushyira mu bikorwa uwo umushinga.



### **Intego yo gutegura amatsinda y'Abahejejwe inyuma batishobora ni:**

- a. Gutegura no gushyira mu bikorwa ingamba z'umushinga w'iterambere ushora mumashyamba hamwe n'akarere karinzwe kubera ihinduka ry'ikirere zishobora kugirira akamaro abatwa muturere tw'umushinga, harimo n'ibikorwa bifasha iterambere ry'imibereho itandukanye y'abatwa.
- b. Gutegura umushinga no kuwushyira mubikorwa bizakora kuburyo abatwa bamenyeshwa mbere yo gutangira kw' ibikorwa by'umushinga kandi bakabyemera ntagahato.
- c. gukora kuburyo ibibazo byose byatekerejweho biri mu karere k'umushinga bijyanye n'abatwa byakemurwa n' uburyo bwo kureba niba ingaruka zamenyekanye ndetse n'ingamba zo kugabanya ubukana bw' ingaruka zashyizweho.
- d. Gushyira mu bikorwa ingamba zo gukumira cyangwa kugabanya ingaruka mbi zose ku batwa.

**Amatsinda y'Abahejejwe inyuma batishobora na politiki y'igihugu n'inzego zemewe n'amategeko:** Amatsinda y'Abahejejwe inyuma batishobora ahuje n'ibiteganijwe ku Basangwabutaka bose / Amatsinda y'Abanyantegere nke n'abahejejwe inyuma muri Uganda ateganywa n'Itegeko Nshinga rya Uganda, hamwe n'andi mategeko agenga amahirwe angana ku Banyayuganda bose, Umuco, Ubutaka, Ibinyabuzima biba mumashyamba, amashyamba, ibidukikije, ubukerarugendo, nibindi.

**Ibibazo byihutirwa by'abatwa hafi ya Mgahinga, Bwindi, Paka y'igihugu ya Semliki no mumashyamba yo hagati ya Echuya:** Mu manama bagiranye n'abatwa yabaye muri Gashyantare 2020, abatwa buvuze ibibazo bikurikira.

Icyiciro	Ibibazo
Imibereho	<ul style="list-style-type: none"><li>• Kugera kumutungo uba mumashyamba kugirango babone amashilingi (urugero, kumanika imitiba y'inzukii mumashyamba, gutera imigano kumupaka w'amashyamba, kubona inkwi, nibindi).</li><li>• Kubona amakuru ajyanye n'amashyamba yavuzweho, Gufatanya gucunga amashyamba hamwe n'imicungire y'umutungo hamwe n'ibindi bikorwa by'iterambere bibareba.</li><li>• Kwitabira neza kw'abatwa no kungukirwa muri gahunda zo kubatera inkunga nko kugura ubutaka no kubugenera imiryango y'abatwa; kwiyongera k'ubutaka bugenerwa imiryango yose y'abatwa.</li></ul>

- Kugerwaho savisi rusange, cyane cyane uburezi n'ubuzima.
- Uburyo bukwiye bwo gukemura ibibazo byabo bijyanye no kubuza kwinjira no gukoresha umutungo uva mu ishyamba rya Echuya.
- Kubungabunga umuco w'abatwa.
- Gukemura ikibazo cyo kwiba amatungo n'ibihingwa.

**Kwitabira no kungukirwa n'umushinga**

- Kwongera ubwiza bw'ibikorwa byabo by'amaboko kimwe no kubicuruza (urugero, kubaka aho kubicururiza no kubaha umwanya wo kwerekana iraho ibicuruzwa by'ubukorikori bwabo).
- Guhabwa ubutaka no kubona uburenganzira ku butaka (ubutaka bwanditswe mu mategeko).
- Guhabwa imbuto z'ubuhinzi (imbuto nziza) hamwe n'andi mahirwe yo kwinjiza amashilingi.
- Guhabwa ingemwe z'ibiti / ibikoresho byo gutera imbuto (amoko y'ubucuruzi n'aya gakondo) n'ingemwe z'imigano.
- Kongerwa uruhare mu micungire y'amashyamba n'imirungire y'umutungo uva mu mashyamba hamwe n'ibikorwa byo gucunga umutungo, hamwe no kubona umutungo wumvikanyweho mu gufatanya gucunga amashyamba hamwe no gucunga umutungo, inyungu zingana ziva muri gahunda yo kugabana imisoro y' Ikigo cya Uganda gishinzwe ibinyabuzima byo mu mashyamba .
- Kongera uruhare mu bukerarugenda bw'uturere. Urugero: guhugura abatwa guhatanira amahirwe yo kubona akazi mu bukerarugendo, kwiandikisha no kumenya amatsinda y'abatwa nk'ibidukikije, gushinga ubucuruzi bw'ibidukikije by'abatwa.
- Ibikorwa bibyara inyungu by'abatwa urugero, Amaduka y'ubukorikori, gutunga inzuki

**Ingaruka mbi ku batwa zishobora guterwa n'umushinga w'iterambere wo gushora mumashyamba hamwe n'akarere karinzwe kubera ihinduka ry'ikirere:** Ingaruka mbi zishobora guterwa n'uwo mushinga ku batwa zifitanye isano n'uko umushinga ugamije gushimangira imicungire y'ahantu harinzwe n'amashyamba byazamura uburyo bwo kurinda amashyamba no kubahiriza amategeko agenga umutungo w'amashyamba. Ariko, inkunga y'umushinga ku Kigo cy'igihugu gishinzwe amashyamba n'ikigo cy'igihugu gishinzwe ibinyabuzima byo mumashyamba ntibizashyiraho izindi mbogamizi ku batwa cyangwa ngo zigire ingaruka ku mibereho yabo.

**Ingaruka nziza z'umushinga ushora mumashyamba hamwe n'akarere karinzwe kubera ihinduka ry'ikirere-(Umushinga w'iterambere ryiza) ku batwa:** Inkunga y'umushinga ku Kigo cy'igihugu gishinzwe amashyamba n'ikigo cya Uganda gishinzwe ibinyabuzima byo mumashyamba izavamo imikoraniye myiza n'abatwa no gutanga inyungu zo kubungabunga ibinyabuzima byo mumashyamba binyuze mu;i)Biganiro mukubona umutungo w'amashyamba binyuze mu micungiry'ubufatanye y'amashyamba yo hagati ya Echuya n'ikigo cy'igihugu gishinzwe amashyamba no mu micungire y'ubufatanye y'umutungo uva mumashyamba ya (Bwindi, Mgahinga na Paka z'igihugu za Semliki ) ii) gutanga infashanyo y'imibereho nk'abashoramari kumashyamba (urugero, gutunga inzuki), kongerera agaciro ubukorikori no kuzamura ibindi bikorwa byinjiriza amashyamba abatwa; iii) kwishora mu bukerarugendo bushingiye ku bidukikije; iv) akazi; kandi, v) kugabanya ingaruka z'ibibazo inyamaswa zitera ku ishoramari ry'abatwa riri hanze y'amashyamba.

**Ingamba zo gukemura ingaruka mbi:** Aya matsinda y'abantu batishobora n'abahejewe inyuma agaragaza ingamba zikurikira zo kureba ko ingaruka mbi ku batwa ndetse n'abaturage baho zirindwa cyangwa zigabanywa:

- a. Guha mbere abatwa n'abaturage batariye uturere turinzwe amahirwe yokubona akazi nkako kongera gutera ibiti byatemwe, kvanaho amoko mabi y'ibiti, no kubaka ibikorwa remezo, ubukerarugendo n'ibindi.
- b. Kongera ubushobozi bw'abatwa n'abandi baturage kugirango bashobore kwishora no kungukirwa nibikorwa by'imicungire y'umutungo w'amashyamba hamwe n'ibikorwa byo gucungira hamwe umutungo, hamwe n'uruhare rw'abatwa mubikorwa by'ubuyobozi bwo gucungira hamwe amashyamba n'ibikorwa byo gucungira hamwe umutungo uva mumashyamba.
- c. Gukemura ibibazo bizanwa n'inyamaswa no kurinda ishoramari ry'abatwa n'abandi abaturage no kubarindira amatungo n'ibihingwa byabo byibasiwe n'inyamaswa zo mumashyamba.
- d. Gutandukanya, gushyira imbibi no kumenyekanisha imbibi za paka y'igihugu n'amashyamba.
- e. Guteza imbere ishoramari ritanga ubundi buryo bw'umutungo utari uva mumashyamba gusa (urugero, gutera ibiti) cyangwa gutanga ibiganiro byumvikanyweho no gukoresha umutungo w'amashyamba mugutanga imibereho (urugero, ibicuruzwa bitari ibiti

nk'ibihumyo, ibihingwa bitanga imiti, imbuto zo mwishyamba, ibikoresho by'ubukorikori n'ibindi).

f. Guteza imbere ibikorwa bibyara inyungu cyangwa kongera agaciro k'ubuhinzi bwaho baba.

**Ingamba zo kugira ngo habeho ubwisanzure, kandi bibanje kumenyeshwa:** Gushora mumashyamba hamwe n'akarere karinzwe kubera ihinduka ry'ikirere-(Umushinga w'iterambere ryiza) wemera akamaro ko kugisha inama abatwa bihagije n'abaturage muri rusange, mugihe hagaragajwe inyungu n'ingaruka z'umushinga hamwe n'uburyo bwo gushyira mubikorwa umushinga. Impanuro zakozwe mugihe cyo gutegura umushinga no gutegura amatsinda y'abantu batishobora n'abahejejwe inyuma yari intambwe yambere. Ibiganiro n'abatwa muguteza imbere gahunda yo gucunga amatsinda y'abahejejwe inyuma batishobora bizakorwa mbere yo gutangira ishyirwa mubikorwa ry'umushinga hagamijwe kumenya no kwemeza ibikorwa by'ibanze ku batwa n'uburyo bwo kubishyira mubikorwa. Hazashyirwaho ingufu kugira ngo inama zifatika zitange amakuru ahagije, yuzuye kandi ku gihe ku batwa kubijyanye n'ibikorwa by'umushinga mbere yo kugisha inama nyunguranabitekerezo, gukangurira abatwa ibikorwa by'umushinga, kubashora mu igenamigambi no kubaha ibitekerezo muri gahunda yo gucunga amatsinda y'abahejejwe inyuma batishobora.

**Guteza imbere gahunda yo gucunga amatsinda y'abahejejwe inyuma batishobora:** Gahunda yo gucunga amatsinda yabahejejwe inyuma batishobora b'abatwa izatezwa imbere kuri buri gace karinzwe. Muri rusange Gahunda enye zo gucunga amatsinda yabahejejwe inyuma batishobora zizaba zateguwe. Gahunda yo gucunga amatsinda yabahejejwe inyuma batishobora isobanura ibikorwa bizaterwa inkunga n'umushinga kimwe no kubishyira mu bikorwa no gutegura inkunga. Gahunda yo gucunga amatsinda yabahejejwe inyuma batishobora izaterwa inkunga ukwayo.

**Kubijyanye no gukemura ibibazo bijyanye no gushora mumashyamba hamwe n'akarere karinzwe kubera ihinduka ry'ikirere-(Umushinga w'iterambere ryiza):** Uburyo bwo gukemura ibibazo byemewe by'abantu batewe n'umushinga, harimo n'abatwa buzashyirwaho mbere y'ishyirwa mu bikorwa ry'umushinga kandi bizashyirwa mu bikorwa mu gihe cyo gushyira mu bikorwa umushinga. Ubu buryo buzatanga inzira yemewe n'abatwa n'andi matsinda yibasiwe n'abafatanyabikorwa kugira ngo bafatanye n'umushinga ku bibazo bibareba cyangwa ingaruka zitakemuwe. Uyu mushinga uzakangurira abatwa n'abandi bantu bagizweho ingaruka n'ubu buryo bw'umushinga. Uburyo bwo kuwushira mubikorwa no gukemura ibibazo wateye. Hateganijwe ko ubwo buryo buzakorwa ku buryo bwemewe ariko bworoshye kandi bugakoresha inzego zishinzwe gukemura amakimbirane no mu nzira cyangwa binyuze mu nzego zishinzwe gukemura ibibazo zashyizweho ku rwego rwubutegetsi bw'ibyaro cyangwa abaturage kubera uyu mushinga.



# INVESTING IN FORESTS AND PROTECTED AREAS FOR CLIMATE SMART DEVELOPMENT (IFPA-CD) PROJECT



## ***Contacts***

Ministry of Water and Environment  
Plot 3 – 7 Kabalega Crescent Road, Luzira  
P. O. Box 20026 Kampala, Uganda  
Tel: +256 417 889 400  
Email: [mwe@mwe.go.ug](mailto:mwe@mwe.go.ug)  
Website: [mwe.mwe.go.ug](http://mwe.mwe.go.ug)